

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 085/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'IKIGEGA CY'IMARI YO GUSANA IMIHANDA	PRIME MINISTER'S ORDER N° 085/03 OF 14/08/2020 DETERMINING ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF ROAD MAINTENANCE FUND	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 085/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU FONDS D'ENTRETIEN ROUTIER
Minisitiri w'Intebe;	The Prime Minister;	Le Premier Ministre;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;
Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 52;	Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 52;	Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 52;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 77/03 ryo ku wa 27/02/2015 rishyiraho imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigega cy'Imari yo Gusana Imihanda;	Having reviewed the Prime Minister's Order n° 77/03 of 27/02/2015 determining organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of Road Maintenance Fund;	Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 77/03 du 27/02/2015 déterminant la structure organisationnelle, les salaires et avantages accordés au personnel du Fonds d'Entretien Routier;
Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;	On proposal by the Minister of Public Service and Labour;	Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2020;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2020;

ATEGETSE: <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigega cy'Imari yo Gusana Imihanda (RMF). <u>Ingingo ya 2:</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'abakozi ba RMF iri ku mugereka wa I w'iri teka. <u>Ingingo ya 3:</u> Igenwa ry'umushahara Imishahara y'abakozi ba RMF igenwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo kandi hakurikijwe amahame ngenderwaho mu kubara imishahara mu butegetsi bwa Leta. Urwego, umubare fatizo, agaciro k'umubare fatizo n'umushahara mbumbe bigendana na buri mwanya w'umurimo muri RMF biri ku mugereka wa II w'iri teka.	ORDERS: <u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of Road Maintenance Fund (RMF). <u>Article 2:</u> Organisational structure The organizational structure for employees of RMF is in annex I of this Order. <u>Article 3:</u> Determination of the salary Salaries for employees of RMF are determined basing on the job classification and in accordance with general principles on salary calculation in public service. The level, index, index value and the gross salary corresponding to each job position in RMF are in annex II of this Order.	ARRÊTE: <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine la structure organisationnelle, les salaires et les avantages alloués au personnel du Fonds d'Entretien Routier (RMF). <u>Article 2:</u> Structure organisationnelle La structure organisationnelle du personnel de RMF est en annexe I du présent arrêté. <u>Article 3:</u> Détermination du salaire Les salaires alloués au personnel de RMF sont déterminés suivant la classification des emplois et conformément aux principes généraux de fixation des salaires dans la fonction publique. Le niveau, l'indice, la valeur indiciaire et le salaire brut correspondant à chaque poste d'emploi au sein de RMF sont en annexe II du présent arrêté.
--	---	--

<u>Ingingo ya 4: Ibigize umushahara mbumbe</u>	<u>Article 4: Composition of the gross salary</u>	<u>Article 4: Composition du salaire brut</u>
Umushahara mbumbe wa buri kwezi kuri buri mukazi wo muri RMF ukubiyemo iby'ingenzi bikurikira: 1° umushahara fatizo; 2° indamunite y'icumbi; 3° indamunite y'urugendo; 4° inkunga ya Leta mu bwiteganyirize bw'umukazi; 5° inkunga ya Leta yo kuvuza umukazi. Indamunite y'urugendo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo ntigenerwa Umuyobozi Mukuru uri ku rwego rwa "G" woroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano. Ntigenerwa kandi abakozi ba Leta bari ku rwego rw'umurimo rwa "3.II" bagenerwa indamunite yihariye y'urugendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano.	The monthly gross salary for each employee in RMF is mainly composed of the following: 1° basic salary; 2° housing allowance; 3° transport allowance; 4° State contribution for social security; 5° State contribution for medical care. The transport allowance specified in Paragraph One of this Article is not granted to the Director General positioned on "G" job level whose transport is facilitated in accordance with instructions of the Minister in charge of transport. It is neither granted to public servants positioned on "3.II" job level who are entitled to special transport allowance in accordance with instructions of the Minister in charge of public service.	Le salaire brut mensuel pour chaque agent de RMF comprend principalement ce qui suit: 1° le salaire de base; 2° l'indemnité de logement; 3° l'indemnité de transport; 4° la contribution de l'État à la sécurité sociale; 5° la contribution de l'État aux soins médicaux. L'indemnité de transport visée à l'alinéa premier du présent article n'est pas allouée au Directeur Général au poste de niveau "G" pour lequel le transport est facilité selon les instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions. Elle n'est pas non plus allouée aux agents de l'État au niveau "3.II" qui bénéficient d'une indemnité spéciale de transport conformément aux instructions du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.

<u>Ingingo ya 5: Ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru</u> Umuyobozi Mukuru wa RMF uri ku rwego rwa “G” agenerwa ibindi bimufasha gutunganya umurimo bikurikira: 1° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y’itumanaho rya telefone yo mu biro, buri kwezi; 2° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y’itumanaho rya telefone igendanwa, buri kwezi; 3° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) yo kwakira abashyitsi mu kazi, buri kwezi, anyuzwa kuri konti ya RMF; 4° koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n’ibintu mu nshingano.	<u>Article 5: Fringe benefits for Director General</u> The Director General of RMF on “G” job level is entitled to the following fringe benefits: 1° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for office landline communication allowance, per month; 2° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for mobile phone communication allowance, per month; 3° two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) for office entertainment allowance, per month, transferred to RMF’s account; 4° transport facilitation in accordance with the instructions of the Minister in charge of transport.	<u>Article 5: Avantages alloués au Directeur Général</u> Le Directeur Général de RMF au poste de niveau “G” bénéficie des avantages suivants: 1° cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone de bureau, par mois; 2° cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois; 3° deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) de frais de représentation au service, par mois, transférés au compte de RMF; 4° les facilités de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.
--	--	---

<u>Ingingo ya 6: Ibindi bigenerwa ba <i>Directors of Units</i> n’abakozi Leta bari ku rwego rw’umurimo rwa “3.II”</u> Ba <i>Directors of Units</i> n’abakozi Leta bari ku rwego rw’umurimo rwa “3.II” bagenerwa buri wese ibindi bikurikira: 1° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi mirongo itatu (30.000 FRW) y’itumanaho rya telefone igendanwa, buri kwezi; 2° indamunite yihariye y’urugendo, hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano. Ba <i>Directors of Units</i> bari ku rwego rwa “3.II” bagenerwa kandi buri wese amafaranga ibihumbi ijana y’u Rwanda (100.000 FRW) y’itumanaho rya telefone yo mu biro, buri kwezi. <u>Ingingo ya 7: Indamunite z’urugendo rw’imodoka</u> Iyo Umuyobozi Mukuru uri ku rwego rwa “G”, agiye mu butumwa bw’akazi imbere mu gihugu akoresheje imodoka ye, Leta imugenera indamunite y’urugendo hakurikijwe	<u>Article 6: Fringe benefits for Directors of Units and public servants on “3.II” job level</u> Directors of Units and public servants on “3.II” job level is each entitled to the following fringe benefits: 1° thirty thousand Rwandan francs (FRW 30,000) for a mobile phone communication allowance, per month; 2° special transport allowance in accordance with the instructions of the Minister in charge of public service. Directors of Units on job level “3.II” are also each entitled to one hundred thousand Rwandan francs (100,000 FRW) for office landline communication allowance, per month. <u>Article 7: Mileage allowances</u> When a senior official on job level “G” goes on official mission inside the country by using his or her vehicle, the State pays him or her mileage allowances in accordance with	<u>Article 6: Avantages alloués aux <i>Directors of Units</i> et aux agents de l’État au poste de niveau d’emploi “3.II”</u> Les <i>Directors of Units</i> et aux agents de l’État aux postes de niveau “3.II” bénéficient chacun des avantages suivants: 1° trente mille francs rwandais (30.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois; 2° l’indemnité spéciale de transport conformément aux instructions du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions. <i>Directors of Units</i> au poste de niveau “3.II” bénéficient aussi chacun cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone de bureau, par mois. <u>Article 7: Indemnités kilométriques</u> Lorsque le haut cadre au poste de niveau “G” va en mission officielle à l’intérieur du pays en utilisant son véhicule, l’État lui octroie une indemnité kilométrique conformément aux
---	---	---

ibiteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano. <u>Ingingo ya 8:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. <u>Ingingo ya 9:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 77/03 ryo ku wa 27/02/2015 rishyiraho imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigega cy'Imari yo Gusana Imihanda n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. <u>Ingingo ya 10:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	the instructions of the Minister in charge of transport. <u>Article 8:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. <u>Article 9:</u> Repealing provision Prime Minister's Order n° 77/03 of 27/02/2015 determining organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of Road Maintenance Fund and all prior provisions contrary to this Order are repealed. <u>Article 10:</u> Commencement This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions. <u>Article 8:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre des Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. <u>Article 9:</u> Disposition abrogatoire L'Arrêté du Premier Ministre n° 77/03 du 27/02/2015 déterminant la structure organisationnelle, les salaires et avantages accordés au personnel du Fonds d'Entretien Routier et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés. <u>Article 10:</u> Entrée en vigueur Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	--	---

Kigali, 14/08/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston


Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA I W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 085/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'IKIGEGA CY'IMARI YO GUSANA IMIHANDA	ANNEX I TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 085/03 OF 14/08/2020 DETERMINING ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF ROAD MAINTENANCE FUND	ANNEX I À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 085/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU FONDS D'ENTRETIEN ROUTIER
---	---	--

ROAD MAINTENANCE FUND (RMF) ORGANIZATIONAL STRUCTURE



Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 085/03 ryo ku wa 14/08/2020 rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigega cy'Imari yo Gusana Imihanda	Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 085/03 of 14/08/2020 determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees Of Road Maintenance Fund	Vu pour être annexé à l'Arrêté du Premier Ministre n° 085/03 du 14/08/2020 déterminant la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Fonds d'Entretien Routier
--	--	--

Kigali, 14/08/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA II W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 085/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'IKIGEGA CY'IMARI YO GUSANA IMIHANDA	ANNEX II TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 085/03 OF 14/08/2020 DETERMINING ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF ROAD MAINTENANCE FUND	ANNEX II À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 085/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU FONDS D'ENTRETIEN ROUTIER
--	--	---

ROAD MAINTENANCE FUND (RMF) SALARY STRUCTURE

No	POST	I.V	Nbr	Level	Index	Gross Salary (Rwf/Month)
1	Director General	500	1	G	2608	1 667 071
2	Director of Technical Support Unit	500	1	3.II	1369	1 018 702
3	Director of Administration and Finance Unit	500	1	3.II	1369	982 663
4	Planning & Programming Specialist	500	1	3.II	1369	982 663
5	Monitoring & Evaluation Senior Engineer	500	2	3.II	1369	982 663
6	Legal Affairs & Recovery Officer	500	1	4.III	1313	933 074
7	Human Resources Officer	500	1	4.II	1141	810 844
8	IT Help Desk Officer	500	1	5.II	951	675 821
9	Internal Auditor	500	1	5.II	951	675 821
10	Procurement Officer	500	1	5.II	951	675 821
11	Accountant	500	3	5.II	951	675 821
12	Administrative Assistant	500	1	7.II	660	469 024
13	Secretary to DAF Unit	500	1	8.II	508	361 007
14	Driver	500	2	10.II	300	213 193

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 085/03 ryo ku wa 14/08/2020 rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigega cy'Imari yo Gusana Imihanda	Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 085/03 of 14/08/2020 determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees Of Road Maintenance Fund	Vu pour être annexé à l'Arrêté du Premier Ministre n° 085/03 du 14/08/2020 déterminant la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Fonds d'Entretien Routier
--	--	--

Kigali, 14/08/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux